IBIRORI BY'IMPURIRANE MURI PARUWASI NYINA WA JAMBO/ RUSUSA

Kuri iki cyumweru tariki ya 6 Mutarama 2013, ku munsi mukuru w'Ukwigaragaza kwa Nyagasani, Paruwasi Nyina wa Jambo yizihije ibirori by'impurirane: Hizihijwe umunsi mukuru wa NYINA JAMBO ubusanzwe wizihizwa ku ya mbere Mutarama. Abakristu bakiriye Nyiricyubahiro Musenyeri umushumba wa Diyosezi ya NYUNDO wari waje kwifatanya nabo muri ibyo birori, bakiriye kandi abakristu ba Paruwasi ya Busasamana ifitanye umubano na Paruwasi ya Rususa. Ni ibirori byari byiteguwe cyane nk'uko abakristu b'iyi paruwasi babigaragaje mbere y'uyu munsi, ku munsi nyirizina na nyuma yawo.

Byose byabimburiwe n'igitambo cya Misa. Bimwe mu byo Umwepiskopi yasabye abakristu mu nyigisho yatanze, harimo gushaka Imana kuko yigaragarije abantu bose bityo hakaba nta mugereki cyangwa umuyahudi twese tukaba turi abavandimwe muri Yezu Kristu. Yakomeje kandi yibutsa abakristu ko bagomba guharanira amahoro kuko ibyo abantu bageraho byose babikesha kuba bafite amahoro. Muri uyu mwaka w'ukwemera, yasabye ko abakristu bakwirinda kuba ibirumirahabiri kuko ubukristu buhabanye n'indi mihango ya gipagani.

Mbere yo gusoza igitambo cy'Ukaristiya, Umwepiskopi yagize ibyo atangariza abakristu birimo kubashimira ibyiza byose bagezeho mu mwaka ushize, nk'uko byari bimaze kugaragazwa n'umukristu uhagarariye abandi muri iyi paruwasi, ariko anabasaba kuzarushaho muri uyu mwaka wa 2013. Uyu mukristu yari yanatangaje gahunda bafite mu mwaka wa 2013 irimo kuvugurura inzu y'imikino n'imyidagaduro ya paruwasi.

Umwepiskopi yatangarije bose ko Paruwasi ya Rususa ndetse na Muhororo, kuva ku itariki ya mbere Mutarama 2013 zicutse, bityo abakristu bose bakaba bagomba gukora uko bashoboye kugira ngo bazabashe kwiyubakira paruwasi no gushyigikira iyogezabutumwa, cyane ko nta nkunga zikiboneka kandi no guhora abantu basabiriza bikaba birambiranye. Yakomeje asaba abantu bose bafite ubutumwa muri Kiliziya cyane cyane abasaserdodi gushyira ingufu mu miryangoremezo, mu matsinda y'abana no mu ngo. Yanavuze kandi ko uburezi bufite ireme ari bwo yifuza mu bigo by'amashuli biri muri iyi Paruwasi. Bityo ashishikariza abayobozi b'ibigo kwita no guha agaciro umurimo bashinzwe bijyana no gukurikirana uko amasomo atangwa, kuba kenshi ku bigo no gufasha abarimu kugerera igihe ku kazi.

Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo kandi yashimiye andi madini kubera ubufatanye na Kiliziya Gatolika, by'umwihariko amadini yo muri aka karere paruwasi ihereyemo. Yaboneyeho kandi gushimira ubuyobozi bw'akarere ka Ngororero bwari buhagarariwe n'abayobozi b'akarere bungirije : Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, ushinzwe ubukungu n'iterambere n'abandi bayobozi banyuranye nk'abahuzabikorwa b'imirenge n'abandi. Mu byo yabashimiye harimo ubufatanye mu burezi, mu buvuzi, mu kwigisha abaturage kubana neza n'ibindi.

Ijambo rya Padiri mukuru ryo ryibanze ku ugushimira ibyiza paruwasi yagezeho , ashimira umwepiskopi udahwema kuba hafi iyi paruwasi, ashimira ubuyobozi bwite bwa Leta, amadini n'abakristu bose ba paruwasi ya Rususa kubera ukuntu badahwema kwitanga ngo Paruwasi itere imbere. Yaragije Imana ibikorwa byose bateganya muri uyu mwaka wa 2013.

Mu byo uhagarariye ubuyobozi bwa Leta yishimiye, harimo ko paruwasi idahwema gutoza gushishikariza abakristu bayo kurwanya ubukene binyuze mu mishinga itandukanye na Caritas. Yishimiye ko mu buzima, Kiliziya muri rusange ifasha abana bayo mu kugira imibereho myiza no gutanga ubwisungane mu ukwivuza.

Paruwasi ya Rususa yerekanye ko intego ya Sinodi muri Diyosezi ya Nyundo bayumvise. Ibi bigaragarira mu mubano mwiza ifitanye na paruwasi ya Busasamana. Abashyitsi baturutse I Busasamana barangajwe imbere na Padiri Mukuru wabo Vincent MBONABAKIRA na Diyakoni Patient NIYOYITA. Ari uhagarariye abakristu ba Busasamana, ari Padiri mukuru wa BUSASAMANA bose bagarutse ku mubano mwiza uri hagati ya paruwasi zombi kandi banifuza ko ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo nk'uko twabyiyemeje.

Ibyishimo by'uyu munsi rero byaranzwe n'ibintu byinshi birimo n'imvura. Imvura rero imaze guhita, ubusabane bwarakomeje maze koko umudiho w'abakristu ba Busasamana n'ikinimba cy'abakristu ba Rususa bisusurutsa bose.

Nyuma y'ibi byose rero, Umwepiskopi yaganiriye n'abayobozi b'ibigo by'amashuli. Yabibukije ko uburezi bufite ireme ari bwo bukenewe mu bigo bya Kiliziya Gatolika. Yabasabye kwitangira umurimo, gutanga uburere bwiza kandi bunoze, kurinda no kubungabunga ubuzima bw'abana hashyirwaho paratonnerre ku bigo zizajya zirinda inkuba. Umwe mu bayobozi b'ibigo na we yamusezeranyije ko bagiye kwitanga uko bashoboye kandi anamushimira ko yabahaye abasaserdoti bababa hafi, babagira inama kandi bakabafasha kurangiza inshingano zabo. Ibirori byasojwe n'umugisha w'umwepiskopi, maze abakristu ba Rususa bamuherekeza n'ibyishimo byinshi.

A. Leonidas NGOMANZIZA